	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR134I143v0
	IGICE CYA 4: UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Amashaza		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	Projet AFSR

Itariki inyandiko yasohokeyeho	Ukwakira 2007

Umubare w'amapagi	4

IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO *(semences certifiées)*

Amashaza *(Pisum sativum L.)*

Amashaza - Nyagashaza

1. AHO AHINGWA

1.1. Akarere :

Amashaza ahingwa mu turere twose tw'igihugu, ku butumburuke burenze m 1900, mu butaka bw'amakoro, mu misozi miremire ya Buberuka. Akunda kandi mu karere k'imisozi y'isunzu rya Congo Nil.



1.2. Ubutaka :

Amashaza akunda ubutaka burebure kandi bworoshye, buseseka.

1.3. Umurima:

- Kuva agiterwa, amashaza arangwa n'icyapa cyanditseho: izina ry'imbuto, itariki yatereweho, icyiciro cyayo, ubuso bw'umurima, na nomero iranga umuhinzi n'umurima.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima**: m 5 hagati y'imirima irimo andi moko cyangwa ubwoko bumwe, ariko butarobanuwe.

2. UKO AMASHAZA ASIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Imbuto zemejwe z'amashaza zihingwa mu murima basaruyemo ibinyabijumba cyangwa ibinyampeke.

3. IBIRANGA AMOKO Y'AMASHAZA ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIYARANGA			
	Igihe yerera (iminsi)	Umusaruro (Toni/Hegitari)	Ubudahangarwa k'uruhumbu rw'amashaza (oidium)	Ubudahangarwa kuri asikoshitoze
Nyagashaza	150	2,5	Burayirwara	Burayirwara
Kyondo	150	2,5	Burayirwara	Burayirwara

4. UBURYO AMASHAZA AHINGWA

4.1 Itera

- Hakoreshwa **imbuto shingiro** zabanje guterwamo uruvange rw'imiti ya Thiam cyangwa Dithane M45 (g 2) na Benlate (g 1 ku kiro cy'imbuto). Iyindi miti yica udukoko cyane iboneka mu Rwanda ni Super Homaï (g 5 ku kiro cy'imbuto), cyangwa Fernasan D (g 3 ku kiro cy'imbuto).
- Igihe cyo gutera : mu kwezi kwa Nzeri, mu gihe cy'ihinga A, no mu kwezi kwa Gashyantare, mu gihe cy'ihinga cya B, bitewe n'igihe imvura itangiriye kugwa.
- Igipimo cy'imbuto: Ibiro 70 kugeza ku biro 80 kuri hegitari 1.
- Umwanya hagati y'ibihingwa: cm 50 hagati y'imirongo kuri cm 10 mu murongo hagaterwa intete 1 muri buri mwobo ku mashaza ashishingirirwa; cm 40 hagati y'imirongo kuri cm 10 kugeza kuri cm15 mu murongo hagaterwa intete 1 muri buri mwobo ku mashaza magufi adashingirirwa (semi-volubile).
- Ubujyakuzimu : nka cm 6.

4.2 Ifumbire no gutunganya umurima

- Kunyanyagiza toni 10 kugeza kuri 15 z'ifumbire y'ibibora kuri hegitari 1 mu gihe cy'isanza .
- Bitewe n'uburumbuke cyangwa se ubugunduke bw'ubutaka, kunyanyagiza ibiro 100 bya DAP kuri hegitari 1.

4.3 Gukenura no kuvanamo amoko adakenewe

- Iyo amashaza amaze kumera, agomba kurindwa kuva ku minsi 10 kugeza kuri 15 kugira ngo inuma n'ibyiyone bitayarya.
- Kubagara no kumenera hashize igihe gito amashaza ameze, no kubagara–kumenera bigakurikirwa no gushingirira igihe urugoyi rwa mbere rutangiye kuza.
- Kwirukana inyoni mu gihe imisogwe ikura.
- **Kuvanamo andi moko** ni ngombwa cyane kugira ngo harwanywe ibihingwa bisa ukwabyo (hors-type) cyane ibihingwa byamaze gufatwa cyane ibifite indwara zandurira mu mbuto nka asikoshitoze n'uruhumbu rw'amashaza (oïdium).

4.4 Igenzurwa ry'umurima

- Igenzurwa rya mbere rikorwa amashaza akirabya mu rwego rwo kugenzura uko umurima watandukanyijwe n'iyindi, no kumenya niba hari indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto.
- Igenzurwa rya kabiri rikorwa igihe imbuto zirimo gukomera kugirango bamenye neza niba ibiranga ubwo bwoko bihari, n'indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto.
- Ingero ngederwaho ziteganywa : ubundi bwoko butarengeje 2,0% (amashaza y'ubundi bwoko, imvange, n'atemewe), na 2% z'amashaza arwaye.

4.5 Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Mu gihe amashaza amaze kurabya, gutera umuti wa Benlate inshuro 2 cyangwa 3 nyuma buri y'iminsi 15, mu rwego rwo kurwanya indwara za asikoshitoze n'uruhumbu rw'amashaza.
- Igihe ururabyo rutarapfundura, gutera kabiri umuti wa Diméthoate 40%EC (L 1,5 kuri hegitare 1) cyangwa undi muti ufite ubushobozi mu rwego rwo kurwanya ubuhunduguru bw'icyatsi kibisi (pucerons).

5. GUSARURA, GUHUNGIRA NO GUHUNIKA

- Iyo amashaza amaze kwera, ¾ by'imisogwe bimaze kuba umuhondo w'ikigina, bayakatira hafi y'ubutaka, akanikwa, hanyuma agahurwa.
- Amashaza aranikwa, akuma neza, hanyuma agatoranywa kugirango bavanemo ameze nabi, afite ibibara, apfunyaraye, cyangwa ay'ibihuhwa.
- Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.

- Kuyashyira mu mifungo no gushyiraho udupapuro twerekana ibi bikurikira: ubwoko bw'imbuto, igihe yerera, umusaruro, ubuso yahinzweho, inomero y'umufungo wayo, n'ibiro byawo.
- Imifuka y'amashaza igomba kuba itondetse ku buryo ugenzura ashobora kuyigeraho yose.

6. IGIPIMO NGENDERWAHO CY'UBUZIRANENGE

Umufungo w'amashaza afite icyemezo ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira:

- Ubwimere bw'ubwoko butari munsi ya 98% y'igihingwa;
- Ubwimerere bw'igihingwa butari munsi ya 98% y'uburemere bwose;
- Imbuto z'indobanure zishobora kumera ntizigomba kujya hasi ya 85%;
- Ubuhehere ntibugomba kuba hejuru ya 15%.

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa *(kuri hegitari)*		**Ingano**	**Igipimo**	**Igiciro kuri buri gipimo *(FRW)***	**Igiciro cyose hamwe *(FRW)***
Abakozi		450	Umubyizi	500	225.000
Imbuto		80	Ikiro	500	40.000
Ifumbire y'imborera		15.000	Ikiro	10	150.000
Ifumbire mvaruganda					
	DAP	100	Ikiro	345	34.500
Imiti ikoreshwa					
	Diméthoate	3	Litiro	6.000	18.000
	Bénlate	3	Ikiro	9.000	27.000
Igiciro cyose hamwe *(FRW/Hegitare)*					**494.500**
Inyungu					
Inyungu ku mbuto *(FRW/Hegitari)*		2.000	Ikiro	350	**700.000**
Inyungu *(FRW/Hegitare)*					**205.500**
Igicuruzo *(FRW/Kilo)*					**247**

8. ICYITONDERWA CYA NYIRUBWITE

AMASHAZA: Uko ahingwa

Umunsi

Guhitamo no gutegura umurima: abanziriza ibinyampeke cyangwa ibinyabijumba/ atandukanywa n'ibindi na m 5. /Kurima/ amasinde.

Aho imbuto igurirwa: Imbuto shingiro zihungiye zigurirwa mu bigo byemewe cyangwa mu bikorera ku giti cyabo bemewe

NYAGASHAZA
05/10/06
Hegitari 3,5 ku buziranenge bwemewe
N° NYAG/04/07A
N° imenyekanisha umuhinzi

1 **Itera** : Itabira + Kunyanyagiza ifumbire y'imborera ya toni 10-15 kuri hegitari mu gihe cy'itera na kg 100 /ha bya DAP. Gutera kuri cm 40 hagati y'imirongo na cm 10-15 mu murongo, haterwa ishaza 1 mu mwobo ku mashaza magufi no kuri cm 50 X cm 10 ku mashaza ashingirirwa (Kg 70 z'imbuto kuri Ha/ kurinda inuma n'ibyiyoni mu minsi 10-15.



21 **Kumenyekanisha igihingwa** bitarenze ibyumweru bitatu kuva igihe cy'itera mu ishami rishinzwe Igenzura n'Ibyemezo rya RADA (BP 538 Kigali).

25 **Ibagara rya mbere**: Ibagara – isukira, uburebure bw'igihingwa ± 10 cm.

Isura rya mbere ry'isuzuma kugirango hatangwe icyemezo

50-60 **Ibagara rya kabiri**: Ishingirira

Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza: Kurwanya indwara za Asikoshitoze n'uruhumbu (Oïdium): Gutera umuti wa Benlate inshuro ebyiri: Kg 1,5 kuri Hegitari (g 1,5 muri L 15 z'amazi) cyangwa undi muti ukomeye; Ubuhunduguru :gutera Diméthoate 40%EC inshuro ebyiri : L 1,5 kuri hegitari 1 (g 1,5 muri L 15 z 'amazi) cyangwa undi muti ukomeye.

Igenzura rya kabiri kugira ngo hatangwe icyemezo

75-90 **Irabya :** Gukuramo ibyatsi igihe bibaye ngombwa

90-120 **Uko imisogwe igenda ikura**

120-150 **Iyera n'isarura** : Imisogwe isa n'ikigina ; Gukatira amashaza hafi y'ubutaka, kuyanika no kuyahura

Gutunganya imbuto no guhunika: kwanika amashaza no kuyatera umuti wa Actellic 2% (gr 2 kuri kg 1 y'imbuto); kuyapfunyika no komekaho icyapa kiyaranga. Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.

Gukomeza gukuramo andi moko kugeza yeze

ICYAPA

Umuhinzi : …….
Imbuto y'amashaza ifite icyemezo /
Ubwoko: Nyagashaza
Igihe yerera: iminsi 150
Umusaruro: T 2,5 kuri Ha
Ku misozi miremire
N°05/07A/Ruh/07/C
Itariki: ……
Ibiro: 25 kg